# HEARING HEALTH RWANDA

**TUMENYE UGUTWI INDWARA ZIGUFATA, N'INAMA ZADUFASHA KWIRINDA NDETSE NO KWIVUZA**

## ABO TURI BO

Umuryango Hearing Health Rwanda ni Umuryango nyarwanda ugamije guteza imbere ubuzima bw'amatwi no kumva binyuze mu buvuzi, uburezi, guteza imbere imibereho myiza n'ubuvugizi ku bantu bafite uburwayi bw'amatwi, ubumuga bwo kutumva no kutavuga n'ibindi bibazo bitandukanye by'amatwi. Uyu muryango watangiye mu mwaka wa 2019, utangira wibanda ku bukangurambaga ku buzima bw'amatwi n'ubuvuzi bw'amatwi, aho wagiye ukora ibikorwa bitandukanye mu bice bitandukanye nko ku bitaro bya Kibagabaga muri Gasabo, Ikigo Nderabuzima cya Biryogo muri Nyarugenge, Poste de Sante Karama muri Nyarugenge ndetse n'ibiganiro byo kuri Televisiyo ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima. Umuryango kandi ufite amasezerano y'imikoranire na Minisiteri y'Ubuzima na Minisiteri y'Uburezi mu rwego rwo guteza imbere ubuzima bwiza bw'amatwi.


## IBICE BIGIZE UGUTWI



**UGUTWI KUGABANYIJEMO IBICE 3 BY'INGENZI**


•Igice cy'inyuma
•Igice cyo hagati
•Igice cy'imbere

### Ibibazo byibasira igice c'inyuma cy'ugutwi



•Ubukurugutwa
•Kurwara utubyimba mu gutwi
•Imyanda yinjira mu gutwi
•Gukomereka
•Uko umuntu yavutse ( Atagira umuyoboro w'ugutwi)
•Kubyimbirwa k'umuyoboro w'ugutwi

### Ibibazo byibasira igice cyo hagati cy'ugutwi



•Indwara zo kubyimba mu gutwi
•Amatembabuzi mu gutwi
•Uko umuntu yavutse
•Indwara zifitanye isano na kanseri
•Umuhaha
•Gukomereka k'umutwe



### Ibibazo byibasira igice cy'imbere cy'ugutwi

•Kutumva bihererekanywa mu muryango
•Urusaku rukabije
•Ibibazo by'udutsi two mu bwonko
•Indwara zikunda gufata abana nk'indwara y'amashyamba
•Kutumva bitewe n'izabukuru
•Indwara zandura: Mburugu, Lyme, Mburagaza: Virus ya cytomegalovirus (CMV); Iseru; Mononucleosis; Umusonga; Ibicurane.
•N'izindi nk'umuvuduko w'amaraso; Indwara y'Impyiko; Diyabete; Kanseri
•Imiti imwe n'imwe yangiza amatwi

## NI RYARI WATEKEREZA KO UFITE IKIBAZO CYO KUTUMVA?

**Umwana**

•Igihe umwana atabasha kwitaba cyangwa ngo agaragaze amarangamutima igihe hari umuvugisha iruhande rwe.
•Igihe agaragara nkutumvise neza icyo umubwira bigatuma agusubirishamo icyo wari umubwiye.
•Igihe umwana yatinze kuvuga cyangwa atavuga neza ugereranyije n'abo bangana mu myaka.
•Igihe cyose umwana azana amashyira cyangwa andi matembabuzi mu matwi.
•Igihe umwana ababara mu matwi cyangwa yumva ugutwi kwe gufunze.

**Umuntu mukuru**

•Igihe umuntu mukuru asubirishamo inshuro nyinshi icyo abantu bari kumwe nawe bamaze kuvuga.
•Igihe bisaba ko wongera cyane amajwi (volume) ya radio cyangwa televiziyo kugira ngo ubashe kumva.
•Igihe hari amagambo usanga utumvise mu kiganiro urimo ugirana n'undi.
•Igihe wumva urusaku rumeze nk'injereri ziduhira mu matwi.
•Igihe abantu batandukanye bakubwira ko ukoresha ijwi ryo hejuru igihe cyose ugize icyo uvuga.

## INGARUKA ZO KUTUMVA

Kutumva ni ikibazo gitera kudindira mu mikurire y'umwana kubera ko bimubera imbogamizi mu kwiga ururimi no kuvuga, bigatera ubutinde mu gutangira ishuri kandi bigatera kudindira mu myigire y'umwana. Abantu bafite ibibazo byo kutumva no kutumva neza bagira imbogamizi zo kutabasha gusabana n'abandi no kudahabwa agaciro muri sosiyete bityo bikabaviramo kwigunga.

***Ariko kandi, iyo ikibazo kigaragaye hakiri kare bakavurwa, umuntu ashobora gukira cyangwa gufashwa mu buryo ingaruka z'ikibazo zitaba nyinshi.***

## UBURYO BUNE BW'INGENZI IKIBAZO CYO KUTUMVA KIGIRAMO INGARUKA KU BANA

•Gikereza ubushobozi bwabo bwo kumenya ururimi no kuvuga.
•Ubushobozi buke mu by'ururimi butera ibibazo mu myigire bigatuma umwana adatsinda neza.
•Ingorane mu kuganira n'abandi zishobora gutera umwana ubwigunge no kutigirira icyizere.
•Bishobora kugira ingaruka mu guhitamo umwuga azakora.

**UMUSHINGA WO GUSUZUMA NO KUVURA AMATWI KU BANA BO MU MASHURI YA LETA N'AFASHWA NA LETA MURI GASABO**

Umuryango Hearing Health Rwanda, ku bufatanye n'Akarere ka Gasabo, Minisiteri y'Ubuzima na Minisiteri y'Uburezi, urimo gushyira mu bikorwa umushinga ugamije gusuzuma no kuvura abana biga mu mashuri y'incuke n'abanza ya Leta ndetse n'afashwa na Leta yo mu Karere ka Gasabo. Abana bose bazasuzumwa, kandi abafite ibibazo by'amatwi bazahabwa ubuvuzi.

### ABAFATANYABIKORWA B'UMUSHINGA

•Akarere ka Gasabo, Imirenge, Abashinzwe Ubuzima mu Mirenge n'Ibigo Nderabuzima, Abashizwe Uburezi mu Mirenge, Ababyeyi, Abayobozi b'Ibigo by'amashuri, Abaganga, n'abarimu 2 batoranijwe muri buri Kigo.

### ABAGENERWABIKORWA

•Ibigo by'amashuri ya Leta n'afashwa na Leta
•Abanyeshuri biga mu mashuri y'inshuke n'amashuri abanza mu karere ka Gasabo

### AHO UMURYANGO HEARING HEALTH RWANDA UBARIZWA

***Hearing Health Rwanda, KG Ave 19 Gasabo District, Kigali,***

Tel: +250788402087
Email: hearinghealthrwanda@gmail.com,
Twitter: @hearingrwanda,
Facebook: Hearing Health Rwanda

HUMANHOOD CLINICS
Redefining Healthcare